REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 575813
Fax: +250 585755
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°34/2016: **Taliki ya 1–10 Ukuboza 2016**

Ryoherejwe kuwa 12 Ukuboza 2016

Ingingoz'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu Ukuboza_1-10_2016; cyagaragaje ko imvura yaguye hose mu Rwanda iri **munsi y'iyo dusanzwe tubona muri iyi minsi**;
- **Igabanuka ku bubobere bw'ubutaka** burakomeje mu bice byose by'igihugu cyane cyane Intara z'Uburasirauba n'Uburengerazuba ndetse n'agace gato ko ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu
- Hateganyijwe **igabanuka ry'imvura ndetse n'irangira ry'imvura y'ihinga** rizaboneka mu bice byose **muri iki gice cya 2 cy'Ukuboza 2016**

I. Iriburiro

Ibice byinshi by'igihugu mu Ukuboza_1-10_2016; byabonye imvura iri mu kigereranyo kiri munsi y'isanzwe iboneka; naho ubupimiro bwa Ngoma (mu Burasirazuba) na Gitega (mu Mujyi wa Kigali) bubona imvura isumbye ho gato kuyo twari dusanzwe tubona. Imvura yabonetse kandi yaguye neza mu duce two mu gihugu hagati ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo. Igihembwe cya 3 cy'Ukwakira cyo cyari cyagaragaje imvura iri ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'iyo dusanzwe tubona muri iyo minsi kubera imiyaga yaturukaga mu majyepfo y'Uburengerazuba ndetse n'iyaturukaga mu majyepfo y'Uburasirazuba yahuriraga muri utwo duce tw'u Rwanda

a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu gice cya mbere cy'Ukuboza_2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ukuboza_1-10_2016	Ukuboza_1-10
Kigali	26.2	35.3
Rusizi (Kamembe)	30.8	45.5
Rubavu (Gisenyi)	6.8	32.8
Nyamagabe (Gikongoro)	9.6	57.6
Ngoma (Kibungo)	40.9	35.9
Gicumbi (Byumba)	17.8	28.8
Bugarama	24.4	40.1
Musanze (Ruhengeri)	33.4	35.8
Gitega	33.7	21.2
Rubengera	31.4	55
Byimana	22.3	45.2
Kawangire	28.2	35.5
Nyagatare	15.4	36.6

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza_1-10_2016; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukwakira_21-30_2016 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_1-10_2016



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza_1-10



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ugushyingo_21-30_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ugushyingo_21-30



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ukuboza_1-10_2016 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu gice cya mbere cy'Ukuboza_2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka kugeza munsi mu bice byose by'u Rwanda (reba **Ikarita1&2**) naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu gice cyanyuma cy'Ugushyingo_2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka kugeza hejuru mu bice byose by'u Rwanda (reba **Ikarita3&4**)

a) Intara y'Iburasirazuba

Uretse amajyaruguru y'Uburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare habonetse mm15.4 z'imvura; ahandi hose habonetse imvura iri mu kigero cy'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Uretse amajyaruguru y'iyi Ntara ku bupimiro bwa Busogo na Musanze habonetse mm33.4 z'imvura; ahandi hose habonetse imvura iri mu kigero cyo munsi y'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajyepfo

Imvura yaguye yagaragajwe n'ubupimiro bw'iyi Ntara iri ku kigereranyo cyo munsi y'isanzwe iboneka muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba

Uretse amajyaruguru y'Uburengerazuba ku bupimiro bwa Gisenyi habonetse mm6.8 z'imvura; ahandi hose habonetse imvura iri mu kigero cy'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ugushyingo 2016 dekad3



Ikarita6: Ukuboza 2016 dekad1

Igabanuka ry'imvura riri gutera ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka nkuko bigaragazwa n'**Ikarita 6**
Mu gice cya 3 cy'Ugushyingo 2016; ho habonetse imvura nyinshi kurusha igice cyakurikiyeho ari cyo cya mbere cy'Ukuboza 2016
Mu gice cya 2 cy'Ukuboza 2016; hateganijwe imvura izagumana icyerekezo cy'amajyepfo (cyane cyane uburengerazuba n'uburasirazuba bwayo) ndetse n'irangira ry'imvura mu duce twose tw'igihugu (igihe ubuyayuke buzasumba imvura iboneka)
Abahinzi barasabwa gufasha ibihingwa babyuhira (cyane cyane mu duce tutakiri kubona imvura neza) ndetse no gusarura ibihingwa byeze (cyane cyane mu duce tukiri kubonekamo imvura)

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2016 (11-20)

Hateganyijwe irangira ry'imvura y'ihinga ku bupimiro bwose bwo mu gihugu; irangira rirangwa n'igipimo ku buyayuke gisumba igipimo cy'imvura iboneka:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe igabanuka ry'imvura mu bice byose cyane cyane amajyaruguru y'Iyi Ntara.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe igabanuka ry'imvura ku kigereranyo cy'imvura iri munsi y'isanzwe ihaboneka; naho uburengerazuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwiyongera ikagera ku kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)